

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME  
MU MUHANGO WO GUTANGIZA UBUKANGURAMBAGA KU  
MIYOBORERE N'IMIBEREHO MYIZA MU MURYANGO**

**Akarere ka Kirehe,**

**Ku wa 11 Ukwakira 2017**

**Ba Nyakubahwa ba Ministres;**  
**Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba;**  
**Ba Nyakubahwa ba Senateri n'Abadepite;**  
**Bayobozi b'Ingabo na Polisi;**  
**Mayor w'Akarere ka Kirehe;**  
**Bayobozi mu nzego zitandukanye;**  
**Bafatanyabikorwa;**  
**Babyeyi, Rubyiruko bana bacu;**

**Mwaramutse neza!**

Nishimiye kubana namwe uyu muni, mbonereho no kubashimira ko mwitabiriye uyu muhango wo gutangiza ubukangurambaga ku miyoborere n'imibereho myiza mu muryango.

Nkuko byagarutsweho, insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti: **“Twubake u Rwanda twifuza, Duteza Imbere Imiyoborere Myiza, twita ku Muryango”**. Ni byo koko imiyoborere myiza ni imwe mu nzira ziganisha ku mibereho myiza mu muryango.

Kubaka u Rwanda twifuza ni intego igihugu cyacu cyihaye imyaka irenga 20 ishize. Urugendo dusoje, rwadufashije kubaka ubusugire bw'Umunyarwanda, kumuha igihugu yisanzuramo, akagira uruhare mu iterambere ndetse akihesha agaciro. Ni urugendo rutari rworoshye ariko rwashobotse.

U Rwanda twifuza rero, ni u Rwanda rufite impinduka zigaragara, zihera ku muntu ku giti cye, umuryango muto n'umuryango

mugali, igihugu n'akarere duherereyemo ndetse n'isi yose muri rusange.

Ubu bukangurambaga bukomatanyije ni rumwe mu ngero nziza z'ubufatanye twifuza gukoreramo muri iyi gahunda y'imyaka 7 Guverinoma yacu yihaye.

Tugira amahirwe ko Guverinoma yacu idushyiriraho imirongo migari ngenderwaho, ikagena kandi uburyo izi gahunda zose zegerezwa umuturage.

Iyi mirongo migari ariko igomba kugendana no gutegura umuntu ubereye kandi wibona mu cyerekezo twifuza kugeraho nk'Abanyarwanda.

### **Batumirwa b'uyu muni,**

Ni ngombwa kwita ku buzima bw'Umunyarwanda mu ishusho yagutse. Gahunda zita ku muryango, imiyoborere myiza, ndetse n'ubuzima ziragendana. Ntabwo imwe yatera imbere ngo izindi zisigare inyuma. Ni nawo murongo ubuyobozi bukuru bw'Igihugu cyacu bwashyizeho.

Iyo turebye gahunda twiyemeje gukora zizamura imibereho myiza y'Umuturarwanda dusanga zose zihera kandi zishingiye ku muryango. Niyo mpamvu dukunze kuvuga ko umuryango ari ishingiro rya byose.

Iyi mikoranire ndetse ikwiye gukomeza no mu zindi nzego zigamije guhindura imibereho y'Umunyarwanda.

Guhungabana k'umuryango, bishobora guterwa n'impamvu zitandukanye zirimo n'imiyoborere mibi, akaba ari nayo mpamvu hatekerejwe gushyiraho uyu mwanya wo kongera kwibukiranya inkingi z'umuryango ubereye Umunyarwanda.

Nkuko byagarutsweho n'abambanjirije, ubu bukangurambaga bwahujwe no kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umugore wo mu cyaro n'umunsi mpuzamahanga w'umwana w'umukobwa.

Ni umunsi twishimira intambwe imaze kugerwaho mu iterambere ry'umuryango n'imiyoborere myiza, harimo iterambere ry'Umunyarwandakazi muri rusange, by'umwihariko umugore wo mu cyaro ndetse n'umwana w'umukobwa. Ariko na none ntibatera imbere bonyine tutarebye umuryango wose, ariyo mpamvu y'ubu bukangurambaga.

Abayobozi mu nzego zose barasabwa gufasha abaturage, mu kubakemurira ibibazo, hagashyirwaho uburyo bworohereza abaturage kumenya aho basanga serivisi bakeneye (service charter), bakakirwa neza badahutazwa.

Uyu munsi twamurikiwe kandi “**Icyumba gitangirwamo serivisi mbonezamikurire y'abana bato – Early Childhood Development**” zitangwa n'ababyeyi bo muri uyu murenge. Mumfashe dushimire abo babyeyi n'itorero ry'Abangirikani mu Rwanda (EAR) ku gitekerezo cyiza bagize.

Iyi gahunda ikubiyemo serivisi zikomatanijwe zihabwa abana kuva basamwe kugeza bafite imyaka itandatu hagamijwe imikurire yabo

myiza haba mu gihagararo, mu mikorere y’umubiri, mu bwenge, mu mibanire n’abandi no gukura batekanye. Igamije kandi kongerera ubumenyi ababyeyi ndetse n’abarezi.

Izi serivisi zishobora gutangirwa mu kigo cyabugenewe, zishobora gukorerwa mu buri rugo rufite abo bana (Home visit) cyangwa se hamwe mu hantu hizewe ababyeyi bihitiramo, nkaho twasuye uyu muni (Home-based care).

### **Babyeyi,**

Nagira ngo mbibutse ko hakwiye kongerwa imbaraga muri ubu buryo bw’aho “*ababyeyi bihitiramo ahantu hizewe ho kurerera abana*” (Home-based care), kuko twamaze kubona ko bishoboka kandi nta kiguzi kinini bisaba.

Ibi biradusaba guhuza imbaraga no kurushaho kwizerana twibuka ko twese turerera umuryango umwe – Umuryango Nyarwanda.

Iwacu muri Fondasiyo Imbuto, mu kugena gahunda zita ku byiciro byose by’ubuzima bw’abagize umuryango, duhera kuri gahunda y’imbenezamukurire y’abana bato.

Ubu tumaze kugira “gahunda y’Urugo Mbenezamukurire y’abana bato” mu Turere 16 kuva mu mwaka wa 2013.

Binyujijwe mu gusura abana mu ngo iwabo, izi zerivisi zagejejwe ku bana barenga ibihumbi bine na Magana cyenda (4,939), zagejejwe kandi ku bana barenga ibihumbi bitandatu na Magana atanu (6,580) n’ababyeyi barenga ibihumbi bitandatu na Magana ane

(6,446) binyuze mu bigo byabugenewe (ECD centres) mu gihe abagezweho nizi serivisi binyuze muri Home Based care barenga ibihumbi icyenda (9,037).

**Bayobozi namwe Bafatanyabikorwa,**

Nubwo ibyo twishimira ari byinshi, uyu ni n’umwanya mwiza wo kwikebuka, tukareba ahakeneye gushyirwa imbaraga kugira ngo abana bacu bakurire mu miryango myiza ibabereye.

**Kuba tugifite abana bata ishuri, bahohoterwa, bafatwa ku ngufu, bakoreshwa imirimo ivunanye n’abana baba ku muhanda, ntabwo bitubereye nk’Abanyarwanda!**

Nk’ababyeyi, abarezi n’abayobozi, twese dukwiriye gukomeza kwita ku mwana wese nk’uwacu, tumurinda icyahungabanya uburenganzira bwe n’imikurire ye muri rusange.

Ababyeyi turasabwa kugira umwanya uhagije wo kuganira ku burere bw’abana bacu, tukabaha ibikenewe byose ngo babashe gukura no kwiga neza, tukibuka ko uburere bw’ibanze ari twe bureba mbere y’abarezi cyangwa Leta.

Turasabwa kandi kuganiriza abana ku myigire yabo kugira ngo imbogamizi zabonetse zikemurwe hakiri kare.

Hagomba kwirindwa guha umwana akazi karenze ikigero cye, ntiduhishire abashora abana mu mirimo mibi, abagaragaye bagahanwa hakurikijwe icyo amategeko ateganya.

**Mu gihugu cyacu haracyagaragara imiryango ifite imirire mibi n'isuku nkeya ku mubiri no mu ngo, ibi bikaba** byatuma abana bacu badakura neza kubera kurwaragurika. Si abato gusa, kuko n'abakuru byabagiraho ingaruka. Ese ni iki kibura ngo iki kibazo tugihashye burundu?

Nagira ngo nongere nsabe ababyeyi kwita ku isuku yaba iyabo bwite ndetse niy'umuryango wose muri rusange; haba ku mubiri, gutegura amafunguro n'aho dutuye.

U Rwanda ni igihugu cyiza, cyera, ariko iyo urebye ukuntu tugifite abana bafite imirire mibi, usanga ababyeyi dukwiye guhindura imyumvire.

Abana bagomba kubonerwa ibibatunga, bifite intungamubiri bakeneye, cyane cyane mu minsi igihumbi ya mbere nkuko byagarutsweho na Ministere y'Ubuzima.

Mu nshingano zacu nk'ababyeyi, dukwiye no kuzirikana kwita ku burere bw'abana bacu, kuva bakiri bato kuko bizabafasha kuba abagabo n'abagore bahamye, turabizi twese ko **“Uburere buruta Ubuvuke”**.

**Rubyiruko, bana bacu,**

Namwe nk'inkingi zikomeye z'umuryango, mwibuke ko ubuzima bwanyu bushingiye ku mahitamo yanyu!

Mwirinde ababashuka, babajyana mu ngeso mbi zituma mutabasha gutegura imbere hanyu heza. Ibyo nimubiyemeza muzabigeraho, kuko ushaka arashobora.

Ibibazo muhura na byo mubimenyeshe ababyeyi, abarezi n'inzego zibishinzwe hakiri kare, kugira ngo bikemurwe.

Sinasoza ntashimiye abafatanyabikorwa bacu bose, kandi mbizeza ko tuzakomeza gufatanya muri uru rugendo rw'iterambere ry'umugore wo mu cyaro, umwana w'umukobwa ndetse n'umuryango nyarwanda muri rusange.

Dukomeze twimakaze imiyoborere myiza, twite ku buzima bw'abagize umuryango cyane cyane abana, duteze imbere uburere n'uburezi bwabo, bikomeze kudufasha kubaka u Rwanda rugana aheza.

Mu cyerekezo twihaye (national strategy for transformation), twifuza kugira umuryango ukungahaye kandi ubasha kwigira. Kugira ngo tubigereho, birakwiye ko abagize umuryango babana mu mubwumvikane, bagakorera hamwe igenamigambi ryabo kandi bakabera urugero abana babyara.

Uyu murage mwiza bakazawukurana nabo bakawuraga abazabakomokaho bityo tukagumana u Rwanda twifuza: rutekanye, rukungahaye kandi rwigira.

Mboneyeho gutangiza ku mugaragaro ubukangurambaga ku miyoborere n'imibereho myiza mu muryango, ngira nti: "Duteze



Imbere Imiyoborere myiza, Twubaka umuryango ubereye u Rwanda twifuza”.

Nongera kwibutsa ko ibikorwa byateganyijwe atari iby’ukwezi kumwe gusa ahubwo bikwiye kuba ubuzima bwacu bwa buri muni.

Mugire amahoro!